

**Ikemezo cya Leta ya Maine cyo guhindura amanota fatizo yo gutsinda isuzumabumenyi ry'ururimi rw'Icyongereza:**  
**Imfashanyigisho igenewe abanyeshuri n'imiryango yabo**

Minisiteri y'Uburezi ya Leta ya Maine iherutse gutangaza ko abanyeshuri babonye igiteranyo cy'amanota 4,5 cyangwa hejuru yayo mu isuzumabumenyi rya AGISESI (ACCESS) rihabwa Abanyeshuri biga Ururimi rw'Icyongereza (ELL), bazaba batakibarwa mu kiciro cy'Abanyeshuri biga Icyongereza (EL). Iki kemezo\* kikaba kije guhindura amanota yari asanzwe afatirwaho. Bityo Minisiteri ikaba yifuzaga kumenyeshya abanyeshuri n'imiryango yabo impamvu cyafashwe.

Itegeko ry'igihugu rigena ko buri Leta ifite uburenganzira bwo gufata ikemezo cyo guhindura amanota fatizo yo gutsinda isuzumabumenyi ry'ururimi rw'Icyongereza. Mu yandi magambo, ni ukuvuga ko Minisiteri y'Uburezi ya Leta ya Maine ishobora kugena amanota Abanyeshuri biga Ururimi rw'Icyongereza (ELL) bagomba kubona mu isuzumabumenyi rya AGISESI kugira ngo barangize gahunda yo Kwiga Icyongereza nk'Ururimi rwa Kabiri (ESL). Ariko nanone aya manota agomba kuba ahagije kugira ngo hizerwe ko umunyeshuri afite ubumenyi buhagije bw'Icyongereza bushobora gutuma abasha gutsinda mu ishuri bitabaye ngombwa ko ajya no Kwiga Icyongereza nk'Ururimi rwa Kabiri.

Mbere Leta ya Maine ni yo yonyine yasabaga ko abanyeshuri babona igiteranyo cy'amanota 6,0 (amanota menshi umuntu ashobora kubona mu isuzumabumenyi) kugira ngo arangize gahunda yo Kwiga Icyongereza nk'Ururimi rwa Kabiri (ESL). Mu 2017, uburyo bwo gukosora mu isuzumabumenyi rya AGISESI rihabwa Abanyeshuri biga Ururimi rw'Icyongereza (ELL) bwaje guhinduka, bityo kubona amanota 6,0 birushaho gukomera. Icyo gihe Leta ya Maine yagabanyije amanota fatizo yo gutsinda isuzumabumenyi ry'ururimi rw'Icyongereza iyageze kuri 5,0. N'ubundi ariko ntibyagira icyo bigabanyaga kuko nta tandukaniro rinini riri hagati yayo na 6,0.

Uyu mwaka Minisiteri yasuzumye imitsindire y'Abanyeshuri biga Icyongereza mu bizamini bya Leta bijyanye n'amasomo asanzwe yo mu ishuri (eMPowerME na SAT) igereranya n'amanota bafite mu isuzumabumenyi rya AGISESI. Byagaragaye ko abarenga gato icya kabiri cy'umubare w'abanyeshuri bafite amanota 4,5 muri AGISESI batsinze ikizamini cya Leta cy'Icyongereza bakagira amanota asabwa cyangwa bakanayarenza. Iyo mitsindire ikaba ijya no kumera nk'iy'Abanyeshuri batiga Icyongereza. Ibi byerekana ko igihe umunyeshuri abashije kubona amanota 4,5 mu isuzumabumenyi rya AGISESI aba afite ubumenyi buhagije mu Icyongereza ku buryo ashobora gukurikira neza mu ishuri nta mbogamizi.

Igihe Umunyeshuri wiga Icyongereza (EL) arangije muri gahunda yo Kwiga Icyongereza nk'Ururimi rwa Kabiri (ESL) mwarimu we akomeza gukurikirana imitsindire ye mu masomo asanzwe yo mu ishuri mu gihe cy'imyaka ibiri. Iyo bigaragaye ko umunyeshuri agikeneye Kwiga Icyongereza nk'Ururimi rwa Kabiri (ESL), agomba kukiga. (Ikitonderwa: Iyo bigenze bityo ntabwo yongeraga gusabwa gukora isuzumabumenyi rya AGISESI.) Ikindi ni uko bamwe mu Banyeshuri biga Icyongereza (EL) bashobora gukomeza gukenera ubufasha mu masomo asanzwe kugira ngo batsinde uko bikwiye. Icyo gihe baba bagomba kubuhabwa binyuze muri gahunda na serivisi bigenerwa abandi banyeshuri bose (twavugaga nka RtI, Title I na gahunda y'Uburezi Bwihariye).

Iyo sisitemu yo kuri interineti igaragaye ko umunyeshuri wanyu yabonye amanota 4,5, ntabwo aba agifatwaga nk'Umunyeshuri wiga Icyongereza (EL). (Ariko iyo aramutse yarakoze isuzumabumenyi rya AGISESI ariko ntabwo byibuzwe amanota 4,5, akomeza kwitwaga Umunyeshuri wiga Icyongereza kugeza igihe abonye amanota 4,5 cyangwa hejuru yayo mu isuzumabumenyi rya AGISESI.)

Hatitawe ku manota abanyeshuri babonye mu isuzumabumenyi rya AGISESI, bese bagomba guhabwa amahirwe yo kwiga amasomo ajyanye n'umwaka bagezemo ndetse no kwiga amasomo atuma batyaza ubwenge kugira ngo bazarangize amashuri yisumbuye biteguye kujya muri kaminuza cyangwa gutangira akazi. Kuba Umunyeshuri wiga Icyongereza (EL) ntabwo bigomba kubuza umunyeshuri kwiga andi masomo asanzwe yo mu ishuri cyangwa kwitabira ibindi bikorwa byunganira amasomo.

Niba ufite ibibazo bijyanye n'amakuru akubiye muri iyi baruwa, ushobora kumpamagara cyangwa ukanyohereza imeyiri.

*April Perkins*

Umuyobozi wa Gahunda za ESOL/Kwigisha indimi na Title III

23 State House Station

Augusta, ME 04333

Telephone yo mu biro: (207)624-6627

Telephone igendanwa: (207)441-9043

[april.perkins@maine.gov](mailto:april.perkins@maine.gov)

